

A Igitangaza mu bukwe bw’i Kana (Yohana 2:1–11):

❖ **Ikimenyetso kiranga intangiriro y’inzira.**

- Kubura vino mu gihe cy’ubukwe byari biteye isoni ku mukwe n’umugeni. Ariko kubera ko Yesu yahagobotse, bashoboye gutanga “vino nziza” nk’agashinguracumu k’ibirori byabo (Yohana 2:1–10).
- Mu gusobanura iki gitangaza, Yohana ayobora ibitekerezo byacu abivana ku mazi nk’ikimenyetso cyo kwezwa (Yohana 2: 6) akabigeza kuri vino nshya nk’ikimenyetso cyo gucungurwa (1Abakorinto 11:25).

B Igitangaza cy’umuhungu w’umutware (Yohana 4:46–54):

❖ **Ikimenyetso ku badafite kwizera.**

- Umutware wo mu bwami wabaga i Kaperinawumu, wari ubabajwe n’umuhungu we urwaye, yahisemo kujya i Kana maze asaba Yesu kuza gukiza umuhungu we (Yohana 4:46–47). Kubikora kwa Yesu kwajyaga gutera uwo mutware kumwizera.
- Igisubizo cya Yesu cyerekanaga ko yari azi neza ibitekerezo by’uwo mutware (Yohana 4:48). Ibitangaza ubwabyo ntabwo byerekanaga ko Yesu ari Mesiya [na Satani ubwe ashobora gukora ibitangaza (Kuva 7:22; Ibyahishuwe13:13)].
- Umutware yagombaga guhitamo niba agomba kwizera Yesu cyangwa kutamwizera mbere yuko igitangaza gikorwa. Nubwo inkuru itabivuga, dushobora kwiyumvisha amarira y’umutware igihe yatakambiraga amagara y’umuhungu we, yari ashingiyeye ku kwizera kwe (Yohana 4:49).
- Ku ijamba rya Yesu, kandi nta kimenyetso cyerekana igitangaza, yarizeye (Yohana 4:50). Uku ni ko yajyanye icyizere mu rugendo, agakesha ijoro agenda. Ubwo bamumenyeshaga ko umuhungu we yakize, yitaye gusa ku kugenzura ko koko yakize cya gihe Yesu yabivugaga (Yohana 4:51–53).

C gitangaza ku kidendezi cy’i Betesida (Yohana 5:1–47):

❖ **Ikimenyetso ku bihebye.**

- Mu mbaga y’abarwayi bari bateraniye ku kidendezi cy’i Betesida, Yesu yahisemo uwihebye kurenza abandi (Yohana 5:1–5).
- Umugabo urwaye yabonye mu kibazo cyuje urukundo cya Yesu, umuntu ushaka kumufasha (Yohana 5: 6–7). Ariko Yesu ntiyamufashije gukora umuhungu w’imiziririzo. Yaramutegetse gusa: “Byuka wikorere uburiri bwawe ugende” (Yohana 5:8).
- Umurwayi yumviye iri tegeko. Yarahagurutse, amaguru ye yari yaragagaye imyaka 38 yose, agarura imbaraga. Uwari yararemeye ayo maguru yari ayagaruriye ubuzima.
- Nyuma, Yesu yavuze ko uburwayi bwe ari ingaruka z’ibyaha bye (Yohana 5:14). Uburwayi bushobora kuba cyangwa kutaba ingaruka zitaziguye z’icyaha cyacu. Ariko tutitaye ku nkomoko yabwo, Imana ifite imbaraga zo kubudukiza (Yakobo 5:14–15).

❖ **Ikimenyetso ku badashaka kumva.**

- Byarumvikanaga ko uwo muntu amaze gukira, yagombaga gusubira iwe yitwaje utwe. Ariko... yaziruye Isabato! (Yohana 5:10). Uyu mugabo ahuye n’iki kirego, yireguye avuga ko uwamukijije yamutegetse kubikora atyo, nuko impaka zirashira (Yohana 5:11–13).
- Yibwiye ko bashakaga gushimagiza uwamukijije, maze amenye ko uwamukijije ari Yesu, yirukankira kubibwira abamubajije (Yohana 5:14–15).
- Ariko ntabwo abantu bose bakiriye kimwe ibimenyetso bya Yesu (Yohana 5:16). Yesu yari azi ko yajyaga kubyutsa urwikekwe igihe yategekaga umugaye kwikorera uburiri bwe ku Isabato. Intego Ye kwari ugutuma abamurwanya batekereza kuby’ingenzi, imigenzo cyangwa gukiza umuntu. Kuki batashakaga kubyumva?

❖ **Ikimenyetso gishyigikiwe abahamya.**

- Igihe Yesu yashinjwaga kuzirura Isabato, yarasubije ati: “Data arakora kugeza n’ubu, nanjye ndakora” (Yohana 5:17). Aya magambo yasobanuwe nk’ukwemeza ubumana Bwe (Yohana 5:18).
- Yesu aboneraho kwivuga mu ntambwe eshatu:
 - (1) Isano Ye na Se (Yohana 5:19–30). Ibi bimuha ububasha bwo guca imanza no kuzura abapfuye.
 - (2) Abahamya bashimangira ibyo avuga:
 - (a) Yohana Umubatiza (Yohana 5:31–35)
 - (b) Ibitangaza akora (Yohana 5:36)
 - (c) Se (Yohana 5:37–38)
 - (d) Ibyanditswe (Yohana 5:39)
 - (3) Kwinangira kw’imitima w’abamushinjaga (Yohana 5:40–47). Mose ubwe, uwo bavugaga ko bizera, azabaciraho iteka, kuko batizeye Uwo yavugaga.